REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI

# INYANDIKO IHINNYE YO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA RP 00013/2021/TGI/RSZ.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 17, ukwezi kwa KANAMA;

Twebwe UWAMARIYA Germaine, Umwanditsi mukuru w'Urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI,

Tumaze kubona urubanza **RP 00013/2021/TGI/RSZ,** ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI buregamo abitwa **MATEGEKO Augustin,** Icyaha cyo guhimba no gukoresha inyandiko mpimbano, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 276 y' itegeko Nº 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha n' ibihano muri rusange;

Dushingiye ku ngingo ya 165 y'itegeko nº 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duteguye iyi nyandiko ihinnye, y'urubanza **RP 00013/2021/TGI/RSZ** kugirango **MATEGEKO Augustin**, mwene SEBAKARA Callixte na NYIRAKUBA Marie, terefoni: +250789603112, utuye mu mudugudu wa Gataramo, akagari ka Rusambu, umurenge wa Nyakarenzo, akarere ka Rusizi, intara y' iburengerazuba, mu Rwanda, ni umunyarwanda, wakurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera, azamenyeshwe imikirize yarwo iteye itya :

URUKIKO rushingiye ku ngingo ya 276 y' itegeko Nº 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha n' ibihano muri rusange;

"Rwemeje ko MATEGEKO Augustin ahamwa n'icyaha cyo guhimba no gukoresha inyandiko mpimbano ",

"Rumuhanishije igihano cy' igifungo cy' imyaka itandatu (6) muri gereza ",

“Rutegetse ko ingingo z’ingenzi z’ uru rubanza zitangazwa ku rubuga rwa interineti rw’Urwego rw’Ubucamanza, urw’Ubushinjacyaha Bukuru n’urw’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, zikanamanikwa no ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, ahamanikwa amatangazo “,

“Rumutegetse gutanga amafaranga 20 000 frw y’ibyakozwe mu rubanza, akayatanga mu gihe kitarenze ukwezi urubanza rubaye ndakuka “.

**UWAMARIYA Germaine**

UMENYESHEJWE : **MATEGEKO Augustin**

UMWANDITSI MUKURU W’URUKIKO

UMUMENYESHEJE+ITARIKI UMUKONO

UTEGUYE IYI NYANDIKO

…………………………………………………